



REB RWANDA BASIC
EDUCATION BOARD

Igishwi cyahasize inkuru

Icapwa rya kabiri



Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa
ANDIKA RWANDA 2019



REB RWANDA BASIC
EDUCATION BOARD

Iki gitabo ni umutungo
wa Leta y'u Rwanda

Ntikigurishwa



Igishwi cyahasize inkuru



Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa
ANDIKA RWANDA 2019



DUSABE GANZA Nassau, yanditse iyi nkuru afite imyaka 8, yiga mu mwaka wa 4 w'amashuri abanza, mu Rwunge rw'Amashuri rwa Cyugi, Akarere ka Nyabihu, Intara y'Amajyaruguru. Iyi nkuru ye, IGISHWI CYAHASIZE INKURU ni imwe mu zahize izindi mu irushanwa rya Andika Rwanda 2019.

© 2023 Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze

Uburenganzira bw'umuhanzi w'ibikubiye muri iki gitabo, bufitwe n'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Uburezi bw'Ibanze (REB).

Iki gitabo cyashyizwe ahagaragara bwa mbere ku nkunga ya Amerika ibinyujije mu Kigo cya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika Gishinzwe Iterambere Mpuzamahanga (USAID). Ibitekerezo bigikubiyemo si ibya USAID cyangwa Guverinoma ya Leta Zunze Ubumwe z'Amerika. Iki gitabo cyashyizwe ahagaragara bwa kabiri ku nkunga ya Banki y'Isi.



Igihe kimwe izuba ryaracanye, inzara iratera. Ibyatsi, uturabo n'ibihingwa by'iburasirazuba biruma. Inyoni zigira inama yo guterana, ngo zishakire hamwe umuti w'icyo kibazo.




Inyoni zifata umwanzuro wo gufata terefoni zigahamagara. Zitangira guhamagara zene wazo zituye hirya no hino ngo zumve aho zahahira. Ifundi yari iyoboye inama ifata terefoni. Ihamagara inyoni zo mu magepfo iti: “Namwe nta mvura igera iwanyu?”



Inyoni yo mu magepfo yegura terefoni iti: “Imvura yaraguye, heze ibigori bike, turi kubirwanira n’abahinzi. Abahinga ibishanga bejeje inyanya, ariko na zo ni nkeya. Abahinzi bari kuturinda bakoresheje za kadahumeka. Abana babo iyo batize, birirwa badutera amabuye.”



Inyoni irakomeza iti: “Tubona icyo kurya igihe abahinzi baguye agacuho. Natwe ni ukwirirwa twiruka mu mirima y’ino. None rero mwihangane mutegereze imvura igere iwanyu nta cyo tubamariye.”



Ifundi, umutware w’inyoni z’iburasirazuba, irakomeza iterefona izo mu majyaruguru. Izibaza ku kibazo k’imvura yabuze, inzara igatera.

Izo mu majyaruguru ziti: “Yooo! Inzara ibamereye nabi? Twebwe tujya mu mashyamba y’ino iwacu, ntitwabura ibidutunga. Mu rugano hamwe mwumva haba ingagi, ho hahora indabo n’ibyatsi bitoshye.



Ariko uhageze utahazi wazimirira mu ishyamba. Hari ishyamba ry'inzitane ririmo ingagi, akaba ari zo baturanyi bacu. Habamo n'ibiti byiza bitoshye. Iyo duhaze twicunda kuri ibyo biti, tukaririmba, twarangiza tugataha.”



Inyoni zose zakurikiraga ikiganiro mu bwitonzi. Samusure iti: “Ntiza terefoni. Mfite inshuti ikomeye ituye hafi ya Karisimbi, wasanga bo hari icyo baturusha.”



Samusure irahamagara : “Arooo! Arooo!

Umugore w’isandi: Yegooo! Arooo!


Samusure: None ni munywanyi wange isandi?

Umugore w’isandi: Oya. Ni umugore we.


Samusure: Byari binyobeye, numvaga ijwi ryahindutse. Isandi yagiye he ko nyishaka?



Umugore w'isandi: Isandi ijyanye
n'inyamanza n'inyombya. Zigiye gusarura.
Twahingiye hamwe none bireze. Nigera
hano ndayibwira ko wayishatse ukayibura.
Ntabwo iri kure ubu igiye kuza.



Samusure: Yewe, nayishakaga ngo nyibaze ko yadufungurira. Twebwe iwacu imvura yarabuze. Ibyo twahinze byararumbye, inzara rwose itumereye nabi.




Umugore w'isandi: Yooo! Nimwihangane. Twebwe twagize ibihe byiza turejeje, twatangiye no gusagurira amasoko. Mutuye kure ntitwabona uko tubibagezaho.



Samusure: Oya, ntibigoye. Nazana n'abaturanyi, tukaza twitwaje udufuka. Erega buriya duturanye n'intashya kandi izi kugenda yihuta. Hari n'igishwi, na cyo gifite imbaraga zo kwikorera.



Umugore w'isandi: Yego ye! Tubahaye ikaze rero. Komeza wihanganishe abo bavandimwe. Isandi niza ndayibwira ikuvugishe. Ubwo nzabona mutugezeho.




Samusure: Mbega ngo biraba byiza!
Intashya itangira kuzigisha uburyo
zizaguruka zikagera iburengerazuba
zitarushye. Umunsi wo kugenda ugeze,
intashya ijya kubyutsa za nyoni zirajyana.




Zagezeye saa saba z'amanywa,
zirazimanirwa, ziraganira.

Isandi: Uzi ko twaherukanaga kera!
Amakuru y'inzara yateye iwanyu
narayamenye. Ariko se ko mbona mudasa
n'abishwe n'inzara?

Intashya: Ni ukwiyumanganya wa
mugabo we.




Ifundi: Murakoze kutwakira. Murakoze kandi murakoze. Turariye ariko twibuke abo twasize inyuma, dutinze dushobora gusanga inzara yabishe.



Isandi: Yewe, muhumure mwageze iwabo w'ibiryo. Ibigori n'amasaka ntibibura iwacu. Ibishyimbo n'amajeri ni uruyange. Abahinze mbere batangiyeye kurya urunyogwe n'igitonore. Nimuzane ya mifuka, tubagirire vuba.




Inyoni zirahaguruka zerekeza aho zahinze. Isandi ica ku nyamanza umuturanyi wayo zirajyana. Zigeze mu nzira bibona umurima munini uteyemo ibireti. Zitangazwa no kubona ari urwererane rw'indabo gusagusa.




Igishwi: Ngewe sinsubira iburasirazuba. Muzanzanire umugore n'abana. Barya bataramenya kuguruka, nyina azabaheke abazane. Igishwi gitangira gusoroma ibireti gishaka kubirya.




Isandi: Have have! Shyira hasi, ibi babyita ibireti, ntibiribwa. Tubijyana mu ruganda bikavamo imiti yica udukoko twangiza imyaka nk'imungu.



Igishwi: Mube mugenda mbanze nduhuke.
Gisigara kivugisha. Oyaaa! Indabo nziza
nk'izi! Ibiryo byiza nk'ibi wabisiga koko!
Buriya byica udusimba duto ngewe nta cyo
naba. Kirashishikara kirasoroma kirarya.



Hashize umwanya mu nda harakirya. Kiti: “Orororooo! Ayiweee!” Naho za nyoni zagiye, zirasoroma zirategereza ziraheba. Zigarutse zigeze kuri wa murima w’ibireti zisanga induru n’urusaku rw’igishwi ari byose. Cyaribwaga mu nda kiruka indabo n’ibireti gusagusa.




Isandi: Sinakubujije, sinakubwiye ko bitaribwa?


Intashya: Uzize inda yawe, ntitwari twariye twahaze? Ariko wabaye ute? Ntiwiha n'akabanga!



Isandi iriruka, ibwira umugore wayo ibyabaye ku gishwi. Basya amasaka, batoba agafu mu mazi akonje basomesha igishwi. Gisoma intama eshatu gikomeza kuruka.



Igishwi kimaze guhembuka, inyoni z'iburasirazuba zikorera imitwaro yazo zirataha. Zigeze iwabo zifata amafunguro zirarya. Zimaze guhaga zitangira kuganira uko urugendo rwagenze.



Isandi itangira ishima ukuntu zakiriwe. Igeze aho ivuga ukuntu igishwi cyari kishwe n'inda mbi, zose ziraseka. Inyoni zose zirakigaya, na cyo gisaba imbabazi kuko cyazisebeje. Muri icyo kiganiro, ziyemeje ko imyaka niyera zizajya gushimira inyoni z'iburengerazuba. Intashya iti: "Ahubwo tubahamagare tubabwire ko twagezeyo amahoro." Samusure na yo iti: "Twanababwira ko ibyabaye ku gishwi tutabisanganywe mu mucu wacu."

